1

# Ikinyarwanda

# Igitabo cy'umunyeshuri

## Umwaka wa mbere w'amashuri abanza



REB RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda

Ntikigurishwa

# Ikinyarwanda

# Igitabo cy'umunyeshuri

## Umwaka wa mbere w'amashuri abanza

**Uburenganzira bw'umuhanzi**

© 2022 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB)

Iki gitabo ni umutungo wa  Leta y'u Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

# Ijambo ry'ibanze

Iki gitabo k'Ikinyarwanda cy'umwaka wa mbere w'amashuri abanza cyateguwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) ku bufatanye n'Umushinga USAID Soma Umenye.

Iki gitabo cyanditswe hashingiwe ku byavuye mu bushakashatsi bwerekana uburyo bwo kwigisha gusoma no kwandika bujyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi. Twizeye tudashidikanya ko iki gitabo kizagira uruhare rukomeye mu kunoza imyigire n'imyigishirize yo gusoma no kwandika mu Kinyarwanda mu mashuri abanza.

Tuboneyeho umwanya wo gushimira abantu bose bagize uruhare mu kwandika iki gitabo by'umwihariko, Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) ku bufatanye gihuriyeho na Leta y'u Rwanda kibinyujije mu mushinga "USAID Soma Umenye".

Twizeye nta shiti ko ubu bufatanye buzafasha abana biga mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza kumenya gusoma no kwandika ku buryo bushimishije. Twiyemeje gukomeza gushyigikira ubu bufatanye bityo twubake ubushobozi, ubumenyingiro n'ubukesha abana bacu bakeneye mu buzima bwa buri munsi.

Turangije dushimira byimazeyo umurava n'ubwitange by'abakozi n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) n'abandi bose bagize uruhare mu gusuzuma, gukosora, kunoza no kwemeza iki gitabo hagamijwe gukomeza guteza imbere ireme ry'uburezi mu Rwanda.

**Dr. MBARUSHIMANA Nelson**
**Umuyobozi Mukuru wa REB**

# GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'igitabo k'Ikinyarwanda cy'umunyeshuri, umwaka wa mbere w'amashuri abanza. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye, iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi.

Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye, kaminuza n'abandi bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kwandikwa. Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo ndetse n'abagitunganyije.

Ndangije nshimira abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kwandika ibitabo.

By'umwihariko, ndashimira Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) ku bufatanye gihuriyeho na Leta y'u Rwanda kibinyujije mu mushinga "USAID Soma Umenye" inkunga yo mu buryo bwose cyatanze kugira ngo iki gitabo gishobore kwandikwa.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabyakira kugira ngo bizifashishwe mu ivugurura ry'ubutaha.

**Joan MURUNGI**
**Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB**

# Ibirimo


**Iriburiro** .................... **vii**

**Umutwe wa mbere: Umuco n'indangagaciro** .................... **2**
Kwimenyereza ishuri .................... 2
Itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda .................... 3
Gufata ikaramu neza no guca imirongo .................... 4
Inyajwi i I .................... 6
Inyajwi u U .................... 11
**Isuzuma risoza umutwe wa mbere** .................... **16**

**Umutwe wa kabiri: Isuku** .................... **18**
Inyajwi o O .................... 18
Inyajwi a A .................... 22
Inyajwi e E .................... 26
Ingombajwi r R .................... 30
Ingombajwi k K .................... 36
Ingombajwi b B .................... 42
**Isuzuma risoza umutwe wa kabiri** .................... **48**

**Umutwe wa gatatu: Umuryango** .................... **52**
Ingombajwi n N .................... 52
Ingombajwi m M .................... 58
**Isuzuma risoza umutwe wa gatatu** .................... **64**

**Umutwe wa kane: Ibidukikije** .................... **66**
Ingombajwi g G .................... 66
Ingombajwi y Y .................... 72
Ingombajwi t T .................... 78
Ingombajwi z Z .................... 84
**Isuzuma risoza umutwe wa kane** .................... **90**

**Umutwe wa gatanu: Uburenganzira bw'umwana .................... 95**
Ingombajwi h H ..................................................................95
Ingombajwi s S ..................................................................101
Ingombajwi v V..................................................................107
**Isuzuma risoza umutwe wa gatanu................................... 112**

**Umutwe wa gatandatu: Kwirinda no gukumira ihohoterwa .... 115**
Ingombajwi w W...............................................................115
Ingombajwi c C..................................................................121
Ingombajwi d D ..................................................................123
**Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu............................... 129**

**Umutwe wa karindwi: Inyamaswa zo mu rugo ...................... 131**
Ingombajwi f F ..................................................................131
Ingombajwi j J ..................................................................133
Ingombajwi p P..................................................................137
Ingombajwi l L..................................................................139
**Isuzuma risoza umutwe wa karindwi ................................ 145**

**Umutwe wa munani: Indyo yuzuye.................................... 147**
Igihekane nd Nd ..................................................................147
Igihekane ng Ng ..................................................................149
Igihekane ny Ny...................................................................153
Igihekane sh Sh ..................................................................155
**Isuzuma risoza umutwe wa munani ................................... 159**

**Umutwe wa kenda: Kuzigama........................................... 162**
Igihekane kw Kw.................................................................162
Igihekane mb Mb ................................................................164
**Isuzuma risoza umutwe wa kenda .................................... 168**

# Iriburiro

Mu mwaka wa 2017, Ishami ry'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), Rishinzwe Gutegura Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho, ryakoze isesengura ry'ibitabo by'Ikinyarwanda bikoreshwa mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza.

Ni muri urwo rwego, nyuma y'icyo gikorwa hagaragajwe ibyiza bikubiye muri ibyo bitabo n'ibice bikwiye kunozwa, kugira ngo bifashe abanyeshuri bo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza kwiga gusoma no kwandika mu buryo buboneye. Iki gitabo ni kimwe mu bitabo by'Ikinyarwanda byavuguruwe.

Iki gitabo cy'umunyeshuri cyanditswe hashingiwe ku nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, ubushakashatsi no ku buryo buboneye kandi bufasha abana kwiga gusoma no kwandika mu Kinyarwanda.

Ibi bizatuma abanyeshuri biyubakamo umuco wo gusoma bakiri bato. Ni ngombwa kandi ko ababyeyi bashishikariza abana gufata neza ibitabo byo gusoma.

Imyitozo iri muri iki gitabo ishingiye ku nkingi eshanu zo kwigisha gusoma no kwandika nk'ishingiro ryo kwiga neza gusoma no kwandika mu buryo bwihuse. Izo nkingi eshanu z'ingenzi zo kwigisha gusoma ni itahuramajwi, ihuzamajwi, inyunguramagambo, gusoma udategwa no kumva umwandiko. Ibikorwa byo kwandika na byo byashyizwemo nk'indi nkingi ibumbatiye ubushobozi abanyeshuri bakeneye mu myigire yabo.

Buri munyeshuri azahabwa igitabo. Azajya agitahana mu rugo buri munsi. Ibi bizamufasha gusubiramo ibyo yize mu ishuri afashijwe n'ababyeyi, abavandimwe, abamurera cyangwa abandi bose babana mu rugo. Ubushobozi bwo gusoma no kwandika bwiyongera iyo umunyeshuri abikoze mu gihe gihagije akaba ari yo mpamvu ari ngombwa ko abikora no mu gihe ari mu rugo.

Iki gitabo kirimo ibimenyetso bifasha abanyeshuri kumenya ibigomba gukorwa kuri buri mwitozo. Ibi bifasha umunyeshuri kwikorera umwitozo mu gihe adafite umwerekera ndetse no mu gihe ataramenya kwisomera amabwiriza.

Abanyeshuri baba abasomyi beza iyo basoma kenshi. Ni muri urwo rwego hateganyijwe inkuru nyinshi abanyeshuri bisomera, zanditswe

hashingiwe ku nyuguti zigomba kwigwa, kugira ngo babone umwanya uhagije wo kwimenyereza gusoma. Izo nkuru kandi zijyanye n'amashusho yakoreshejwe kugira ngo afashe abanyeshuri kongera ubushobozi bwo kumva umwandiko, gutahura icyo inkuru iri buvugeho cyangwa gusubiza ibibazo ku nkuru basomye.












Kwigisha inyunguramagambo na byo byarateganyijwe muri izo nkuru kandi ni ngombwa kuzigisha abanyeshuri kuko iyo basobanukiwe amagambo menshi bibafasha kumva neza umwandiko.

Nk'uko byavuzwe haruguru, muri iki gitabo harimo imyitozo myinshi yo kwandika izafasha abanyeshuri kwandika inyuguti, imigemo, amagambo ndetse n'interuro. Iyi ni imwe mu myitozo ababyeyi baheraho bagafasha abana mu gihe bari mu rugo.

Iki gitabo gikubiyemo imyitozo y'isubiramo n'isuzumabushobozi ku bimaze kwigishwa. Ibi bikazafasha abarimu n'ababyeyi kumenya ubushobozi bw'abanyeshuri babo, bityo bakabasha kubafasha no kubakurikirana bitewe n'ikigero barimo.

Twizeye ko iki gitabo nigikoreshwa neza kandi buri gihe kizafasha abanyeshuri guhinduka abasomyi beza.

# Imbonerahamwe y'inyuguti

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| a  amatara A | b  ibibabi B | c  igiceri C | d  ubudodo D | e  idebe E | f  ifi F |
| g  igare G | h  igihaza H | i  ikibiriti I | j  ijosi J | k 4 kane K | l  Kigali L |
| m  amakaramu M | n  ibinini N | o  igisokozo O | p  ipikipiki P | r  ururabo R | s  amasogisi S |
| t  igitoki T | u  umubu U | v  avoka V | w  ikawa W | y  uruyuki Y | z  imizi Z |

# Kwimenyereza ishuri

1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.



2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.



# Itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda

| | | | |
|---|---|---|---|
| aA | bB | cC | dD |
| eE | fF | gG | hH |
| iI | jJ | kK | lL |
| mM | nN | oO | pP |
| rR | sS | tT | uU |
| vV | wW | yY | zZ |

# Gufata ikaramu neza no guca imirongo

1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.



2. Itegereze kandi uce iyi mirongo mu ikayi yawe.

3. Itegereze kandi uce iyi mirongo mu ikayi yawe.


4. Itegereze kandi uce iyi mirongo mu ikayi yawe.




5. Itegereze kandi uce iyi mirongo mu ikayi yawe.



6. Itegereze kandi uce iyi  mirongo mu ikayi yawe.




7. Itegereze kandi uce iyi  mirongo mu ikayi yawe.



# Inyajwi i I

1. Erekana amashusho arimo ijwi **i**.







2. Erekana inyajwi **i I**.

| i | I |
|---|---|

3. Erekana inyajwi **i I** mu magambo akurikira.

| | |
|---|---|
| Iribagiza | urugo |
| amata | ino |
| isaha | umubu |
| umuvure | umugi |
| amabati | uruho |
| amazi | ana |

4. Soma inyajwi zikurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| i | i | i | i | i |
| I | I | I | I | I |

5. Andika inyajwi **i** mu nyuguti nto.

2 1 i

i i i i i i i i i

6. Andika inyajwi **I** mu nyuguti nkuru.


2 1 I 3


I I I I I I I I I I

# Imyitozo


1. Erekana amashusho arimo ijwi i.





2. Erekana inyajwi i nto mu magambo akurikira.



| | |
|---|---|
| isuka | agatebo |
| umutaka | itara |
| Ihogoza | imifuka |
| umupira | amateke |
| amatara | Kariza |
| umuriro | amakara |


3. Erekana inyajwi **I** nkuru mu magambo akurikira.




| | |
|---|---|
| iteme | Irakoze |
| Ineza | amazi |
| Kariza | amatara |
| amateke | Izaki |
| urugo | Iraguha |
| Ihogoza | umubu |

4. Huza inyajwi **i** n'ishusho irimo ijwi **i**.

# i





5. Soma inyajwi zikurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| i | I | i | I | I |

6. Andika inyajwi **i** mu nyuguti nto.

i i i i i i i i i i


7. Andika inyajwi **I** mu nyuguti nkuru.

I I I I I I I

# Inyajwi u U

1. Erekana amashusho arimo ijwi **u**.





2. Erekana inyajwi **u U**.

| u | U |
|---|---|

3. Erekana inyajwi **u U** mu magambo akurikira.

| | |
|---|---|
| umurima | Uwineza |
| imikino | umubu |
| umuriro | ikibaho |
| Umuhire | amata |
| ikote | Umutesi |
| ikaramu | ibirayi |

4. Soma inyajwi zikurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| u | i | u | i | u |
| U | I | U | I | U |

5. Andika inyajwi **u** mu nyuguti nto.

u u u u u u u u u u


6. Andika inyajwi **U** mu nyuguti nkuru.

U U U U U U U U

# Imyitozo


1. Erekana amashusho arimo ijwi **u**.





2. Erekana inyajwi **u** nto mu magambo akurikira.




| | |
|---|---|
| uruvu | akana |
| Uwase | ubuki |
| uruyuki | imiteja |
| inanasi | Uwera |
| Umutoni | ivi |
| isahani | izuba |


3. Erekana inyajwi **U** nkuru mu magambo akurikira.

| | |
|---|---|
| ikibaho | umubu |
| uruvu | Urujeni |
| Uwineza | inuma |
| ubuki | izuba |
| Irakoze | Umuhoza |
| umuriro | imikino |

4. Huza inyajwi **u** n'ishusho irimo ijwi u.



# u



5. Soma inyajwi zikurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| u | u | i | u | i |
| I | U | I | U | U |
| i | U | u | I | U |

6. Andika inyajwi **u** mu nyuguti nto.

u u u u u u u u u u

7. Andika inyajwi **U** mu nyuguti nkuru.

U U U U U U U

8. Andika inyajwi zikurikira mu ikayi yawe.


| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| i | U | I | u | i | U |

# Isuzuma risoza umutwe wa mbere


1. Ca imirongo ikurikira mu ikayi yawe:



2. Erekana amashusho arimo ijwi **i**.



3. Erekana amashusho arimo ijwi **u**.



4. Huza inyajwi **i** n'ishusho irimo ijwi **i**.


i






5. Huza inyajwi **u** n'ishusho irimo ijwi **u**.

u





6. Erekana inyuguti **i I** mu magambo akurikira.

| | |
|---|---|
| amatama | Imiti |
| umutako | Igiraneza |
| amababi | Ikibiriti |

7. Erekana inyuguti **u U** mu magambo akurikira.

| | |
|---|---|
| Uwase | Umugani |
| inkuru | Igi |
| Usanase | amakara |

8. Soma inyajwi zikurikira.

u I i U u i

9. Andika inyajwi zikurikira mu ikayi yawe.


I i u U i U

# Inyajwi o O

1. Erekana amashusho arimo ijwi **o**.









2. Erekana inyajwi **o O**.



| o | O |
|---|---|

3. Erekana inyajwi **o O** mu magambo akurikira.



| | |
|---|---|
| imodoka | itama |
| umugeni | umusozi |
| Omari | ibase |
| Odeta | amavuta |
| itafari | umuporisi |
| Oliva | umuhogo |

4. Soma inyajwi zikurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| o | i | o | u | o |
| O | I | O | U | O |

5. Andika inyajwi **o** mu nyuguti nto.


o o o o o o o o o


6. Andika inyajwi **O** mu nyuguti nkuru.

O O O O O O

# Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo inyajwi **o**.


  

2. Erekana inyajwi **o** nto mu magambo akurikira.



| | |
|---|---|
| isoko | umukara |
| itafari | Obedi |
| igisokozo | amavuta |
| umusore | ipaki |
| urukuta | Obama |
| Odila | ijeri |

3. Erekana inyajwi **O** nkuru mu magambo akurikira.




| | |
|---|---|
| ijeri | Oda |
| isogisi | umugeni |
| ibase | ikote |
| ipaki | Omeri |
| Onesifori | urukuta |
| itama | umusozi |

4. Huza inyajwi **o** n'ishusho irimo ijwi **o**.

# O



5. Soma inyajwi zikurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| o | i | o | u | o |
| O | I | O | U | O |
| u | O | I | o | U |

6. Andika inyajwi **o** mu nyuguti nto.

o o o o o o o o o o

7. Andika inyajwi **O** mu nyuguti nkuru.

O O O O O O O

8. Andika inyajwi zikurikira mu ikayi yawe.

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| u | I | o | i | O | U |

# Inyajwi a A

1. Erekana amashusho arimo ijwi **a**.







2. Erekana inyajwi **a A**.

a

A

3. Erekana inyajwi **a A** mu magambo akurikira.

| | |
|---|---|
| Ana | ururimi |
| ipusi | amagi |
| amafi | igihugu |
| Aroni | ijipo |
| igipesu | Agata |
| umutaka | iteke |

4. Soma inyajwi zikurikira.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a | i | a | u | a |
| A | I | A | U | A |

5. Andika inyajwi **a** mu nyuguti nto.



a a a a a a a a a


6. Andika inyajwi **A** mu nyuguti nkuru.





A A A A A A


# Imyitozo


1. Erekana amashusho arimo ijwi **a**.











2. Erekana inyajwi **a** nto mu magambo akurikira.

| | |
|---|---|
| iriba | umusore |
| Anita | uburo |
| akarabo | uruyuki |
| Agahozo | urutoki |


3. Erekana inyajwi **A** nkuru mu magambo akurikira.

| | |
|---|---|
| urutoki | Teta |
| Ananiya | igihugu |
| igitabo | Akariza |
| Atete | ipusi |

4. Huza inyajwi **a** n'ishusho irimo ijwi **a**.

a





5. Soma inyajwi zikurikira.

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| u | a | o | a | i | a |
| U | A | O | A | A | I |
| i | u | A | o | U | U |

6. Andika inyajwi **a** mu nyuguti nto.

a a a a a a a a a a

7. Andika inyajwi **A** mu nyuguti nkuru.




A A A A A A A

8. Andika inyajwi zikurikira mu ikayi yawe.


| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| i | u | o | A | a | A |

# Inyajwi e E

1. Erekana umubare w'amashusho arimo ijwi **e**.







2. Erekana inyajwi **e E**.



e        E

3. Erekana inyajwi **e E** mu magambo akurikira.



| | |
|---|---|
| amamesa | imizi |
| akayira | umuceri |
| ikigori | umuheha |
| ipeti | urutara |
| umubavu | umuseno |
| umurezi | urubura |

4. Soma inyajwi zikurikira.

| e | a | e | u | e |
| --- | --- | --- | --- | --- |
| E | A | E | U | E |

5. Andika inyajwi **e** mu nyuguti nto.

e

e e e e e e e e e




6. Andika inyajwi **E** mu nyuguti nkuru.

E

E E E E E E E

# Imyitozo

1. Erekana umubare w'amashusho urimo ijwi **e**.


2. Erekana inyajwi **e** nto mu magambo akurikira.


| | |
|---|---|
| umubare | ukuguru |
| abarimu | Emerita |
| igiseke | amasaro |
| ikibaho | umuceri |
| Eriya | uburiri |
| amapata | Evode |


3. Erekana inyajwi **E** nkuru mu magambo akurikira.

| | |
|---|---|
| amasaro | umuceri |
| urutare | ikigori |
| Enata | imizi |
| abarimu | Ejide |
| umuseso | akayira |

4. Huza inyajwi **e** n'umubare w'amashusho urimo ijwi **e**.

e





5. Soma inyajwi zikurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| e | i | e | e | o |
| E | I | E | E | O |
| u | e | O | a | A |

6. Andika inyajwi **e** mu nyuguti nto.

e e e e e e e e e e

7. Andika inyajwi **E** mu nyuguti nkuru.

E E E E E E E

8. Andika inyajwi zikurikira mu ikayi yawe.

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| i | u | o | A | e | E |

# Ingombajwi r R

1. Erekana amashusho arimo ijwi **r**.






2. Erekana ingombajwi **r R**.



| r | R |
|---|---|

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| r | ri | ru | ro | ra | re |

4. Soma amagambo akurikira.

| Rorero | rora | ururo | iroro | rara |
|---|---|---|---|---|

5. Soma interuro ikurikira.

Rora ararora Rorero.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Ururo rurerure



Rora ururo rurerure.

Rerero ararora ururo.

Uru ruro rurarura.

a. Rorero ararora ururo? b. Uru ruro rurarura?

7. Andika ingombajwi **r** mu nyuguti nto.

r r r r r r r r r r

8. Andika ingombajwi **R** mu nyuguti nkuru.

R R R R R R R

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | ara _ ira | e | i | r |
| b. | _ orero | a | R | u |



10. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.


Uru ruro rurarura.

# Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo ijwi **r**.






2. Huza ingombajwi **r** n'ishusho irimo ijwi r.

r




3. Soma imigemo ikurikira.

ra ro ri re ru

4. Soma amagambo akurikira.

Rorero ararira urira ararora

5. Soma interuro ikurikira.

Rorero ararora ururo rurerure.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Rorero arera Rora




Rora ararira.
Rorero ararera Rora.
Rorero ararora Rora.

a. Rorero ararira?
b. Rorero ararera Rora?

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Rerero ararura



Rerero ararurira Rora.
Rora ararora Rerero.
Rora aririra.

a. Rerero ararurira Rora?
b. Rora ararora ururo?

8. Andika ingombajwi r mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

r r r r r r r r r r

9. Andika ingombajwi **R** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

R R R R R R R R R R

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| r | ri | ru | ro | ra | re |

11. Uzurisha umwe mu migemo ikurikira wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | o _ ra | re | ro | ri |
| b. | iraro _ | ru | re | ra |
| c. | rure _ re | ro | ru | ra |

12. Curukura iyi migemo ukore ijambo, uryandike mu ikayi yawe.

a. ro-u-ru

b. ri-ra-a


c. re-Ro-ro


13. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.


Rora ararora Rorero.

# Ingombajwi k K

1. Erekana amashusho arimo ijwi **k**.







2. Erekana ingombajwi **k K**.

| k | K |
|---|---|

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| k | ki | ku | ko | ka | ke |

4. Soma amagambo akurikira.

| Rukara | kurira | Karara | kurara | ikara |
|---|---|---|---|---|

5. Soma interuro ikurikira.

Rukara arurira ikiraro.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Karake ku karere




Karake akora ku karere.

Karake ararira akarere.

Ako karere kari kure.

a. Karake akora ku karere? b. Karake ararira iki?

7. Andika ingombajwi **k** mu nyuguti nto.

k — k k k k k k k

8. Andika ingombajwi **K** mu nyuguti nkuru.

K — K K K K K K K

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | _ arake | o | K | a |
| b. | kuro _ a | k | r | e |

10. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Karake akora ku karere.


# Imyitozo


1. Erekana amashusho arimo ijwi **k**.



2. Huza ingombajwi **k** n'ishusho irimo ijwi **k**.

k





3. Soma imigemo ikurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| ke | ku | ka | ko | ki |

4. Soma amagambo akurikira.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| urukero | kurera | ikiraro | kaki | ikirere |

5. Soma interuro ikurikira.

Karera arakora ikiraka.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Ikiraro



Karire arereka Kakira ikiraro.
Kakira ararora ikiraro kirekire.
Ikiraro kiri kure.

a. Kakira ararora ikiraro kirekire?
b. Karire arereka iki Kakira?

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Karera ku kiraro



Karera ararora Karara.
Karera ari ku kiraro.
Karera arereka Karara ikiraro.
Karara ararora ikiraro.

a. Karera ararora Karori?
b. Karera arereka iki Karara?

8. Andika ingombajwi **k** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

k k k k k k k k k k

9. Andika ingombajwi **K** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

K K K K K K K K K K

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| ki | ku | ko | ka | ke |
| ri | ru | ro | ra | re |

11. Soma kandi wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.

Karera | arakora | ikara | akore | ikiraka

12. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike.

a. ku — kura

b. kure — raro


c. iki — rira

13. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Karera ararora Karara.

# Ingombajwi b B

1. Erekana amashusho arimo ijwi **b**.


2. Erekana ingombajwi **b B**.

| b | B |
|---|---|

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| b | bi | bu | bo | ba | be |

4. Soma amagambo akurikira.

ibaba ibere akaboko ibara ikibabi

5. Soma interuro ikurikira.

Kabare arareba ikibabi.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Kirabo arakaraba



Kirabo aba i Burera.

Kirabo arabiba uburo.

Kirabo akaraba akaboko.

a. Kirabo aba i Burera?

b. Kirabo arakora iki?

7. Andika ingombajwi **b** mu nyuguti nto.

b

b b b b b b b b

8. Andika ingombajwi **B** mu nyuguti nkuru.

B

B B B B B B B B

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | kubi _ a | r | u | b |
| b. | _ irabo | a | K | b |


10. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Kirabo akaraba akaboko.

# Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo ijwi **b**.









2. Huza ingombajwi **b** n'ishusho irimo ijwi **b**.

b

3. Soma imigemo ikurikira.



| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| bo | bi | bu | be | ba |

4. Soma amagambo akurikira.



| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| uburiri | kabiri | uburo | urubobi | kuba |

5. Soma interuro ikurikira.

Rubibi arakuba urubobi.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Rubibi ku iriba



Rubibi ari ku iriba.
Rubibi arakubura iriba.
Rubibi arakora ku kibabi.

a. Rubibi arakubura?
b. Rubibi arakora iki?

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Kabibi



Kabibi aba i Kabare.
Kabibi arakuba urubobi.
Urubobi ruba rubi.

a. Kabibi aba i Kabare?
b. Kabibi arakora iki?

8. Andika ingombajwi **b** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

b b b b b b b b b b

9. Andika ingombajwi **B** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

B B B B B B B B B B

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| bi | bu | bo | ba | be |
| ki | ku | ko | ba | be |

11. Soma kandi wandike amagambo akurikira mu ikayi yawe.

ibara | ibaba | ibere | urubobi | iriba

12. Curukura iyi migemo ukore ijambo, uryandike mu ikayi yawe.

a. ra-ku-ba

b. u-ri-bu-ri

c. i-ba-ri

13. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Kirabo arabiba uburo.

# Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

1. Soma amagambo akurikira.

a) urukero | ikiraro | ibara | ikibero | ubukire

b) ikara | uburara | ururo | ukuboko | irerero

c) kubara | uburiri | iriba | ikibabi | abana

2. Soma udukuru dukurikira maze usubize ibibazo.

## a) Kirabo



Kirabo ariruka.
Arerekera ku iriba.
Kirabo ararora Karori.
Karori arakaraba ukuboko.

a. Kirabo arakora iki?
b. Karori arakora iki?


## b) Karera



Karera arara i Rukara.
Karera akubura kare.
Karara akuba urubobi.
Karera akaraba kare.

a. Karera akora iki?
b. Karara akora iki?

## c) Kabera



Kabera aba i Burera.
Kabera arorora.

Kabera arubaka ikiraro.
Ikiraro kiri kure.

a. Kabera aba i Burera?
b. Kabera arubaka iki?

3. Andika izi nyuguti nto mu ikayi yawe.

i i i u u u o o o

a a a e e e r r r

k k k k b b b b

4. Andika izi nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

I I I U U U O O O

A A A E E E R R R

K K K K B B B B

5. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.

| | | |
|---|---|---|
| 1. | _ubara | r o k |
| 2. | urura_o | k b r |
| 3. | iki_aro | r u b |

6. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike.

1. i — boko
2. uku — ra
3. ika — baba

7. Curukura iyi migemo ukore ijambo, uryandike mu ikayi yawe.

a. ro - Ka - ri

b. bo - u - ru - bi

c. ka - ra - Ru


8. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Karera arubaka ikiraro.

# Ingombajwi n N

1. Erekana amashusho arimo ijwi **n**.







2. Erekana ingombajwi **n N**.

| n | N |
|---|---|

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| n | ni | nu | no | na | ne |

4. Soma amagambo akurikira.


| inono | Ana | Kanani | urunana | ino |
|---|---|---|---|---|

5. Soma interuro ikurikira.

Ana arareba abana.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Abana ba Barore



Kanani na Ana ni abana ba Barore.

Kanani akurikira Ana.

Ana na Kanani bakina urunana.

a. Abana ba Barore ni babiri?

b. Ana na Kanani barakina iki?

7. Andika ingombajwi **n** mu nyuguti nto.

n n n n n n n n

8. Andika ingombajwi **N** mu nyuguti nkuru.

N N N N N N N

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | _ irere | r | N | o |
| b. | ibi _ ure | n | b | e |

10. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.



Kanani akurikira Ana.

# Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo ijwi **n**.






2. Huza ingombajwi **n** n'ishusho irimo ijwi **n**.



n



3. Soma imigemo ikurikira.



| no | nu | ne | ni | na |
|---|---|---|---|---|

4. Soma amagambo akurikira.



| inoni | ibinure | abana | ikibuno | ikinini |
|---|---|---|---|---|


ino | Karani | ikinono | inoni | kane

5. Soma interuro ikurikira.

Abana bane barakina.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Abana barabara



Kabano araroba.
Abana be ni bane.
Nirere arabereka uko babara.
Abana barabara.

a. Kabano akora iki?
b. Nirere arereka iki abana?

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Bunani na Nakure



Bunani abana na Nakure.
Bunani na Nakure barakina.
Bunani na Nakure barinanura.

a. Bunani abana na Nakure?
b. Bunani na Nakure barakora iki?

8. Andika ingombajwi **n** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

n n n n n n n n n n

9. Andika ingombajwi **N** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

N N N N N N N N N N

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| ni | nu | no | na | ne |
| bi | bu | bo | ba | be |

11. Soma kandi wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.

kane urunana Nakure inoni abana

12. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike.

a. ubu → nani

b. iki

c. iko

nono

nani

ni

13. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Bunani abana na Nakure.

# Ingombajwi m M

1. Erekana amashusho arimo ijwi **m**.





2. Erekana ingombajwi **m M**.

| m | M |
|---|---|

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| m | mi | mu | mo | ma | me |

4. Soma amagambo akurikira.


Munana | Imana | umunani | inuma | imibare

5. Soma interuro ikurikira.

Mirimo ari mu murima.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Inuma umunani



Minani ari mu murima.

Minani arareba inuma.

Inuma ni umunani.

Minani arirukana inuma.

a. Minani arakora iki?

b. Minani arirukana iki?

7. Andika ingombajwi **m** mu nyuguti nto.

m m m m m m m m m

8. Andika ingombajwi **M** mu nyuguti nkuru.

M M M M M M

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | _ abano | r | M | n |
| b. | aba _ imu | m | r | e |

10. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.


Minani ari mu murima.

# Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo ijwi **m**.






8




2. Huza ingombajwi **m** n'ishusho irimo ijwi **m**.

m

3. Soma imigemo ikurikira.



| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| mo | ma | mu | me | mi |

4. Soma amagambo akurikira.



| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| imikori | amakoma | ikimene | umukoro | imirima |

5. Soma interuro ikurikira.

Mama aranika amamera.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Marebe arakora umukoro



Marebe arakora umukoro.
Umukoro urimo imibare.
Marebe arabara amakaramu.
Amakaramu ni umunani.

a. Marebe arakora iki?
b. Marebe arabara iki?

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Mama aranika amamera



Mama aranika amamera.
Inuma iriruka mu mamera.
Inuma iramena amamera.
Mama arirukana inuma.

a. Mama aranika iki?
b. Mama arirukana iki?

8. Andika ingombajwi **m** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

m m m m m m m m m m

9. Andika ingombajwi **M** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

M M M M M M M M M

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| mi | mu | mo | ma | me |
| ni | nu | no | na | ne |

11. Soma kandi wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.

Mirimo | amamera | amano | emera | umurimo

12. Uzurisha umwe mu migemo ikurikira wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | a _ kara | mi | ma | mu |
| b. | i _ rimo | mo | mi | mu |
| c. | kara _ | mi | mo | me |

13. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Inuma iriruka mu mamera.

# Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

1. Soma amagambo akurikira.

akamaro | umurimo | inuma | umunani | umubiri

2. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Mirimo na Barame



Mirimo na Barame barakora imirimo.
Mirimo na Barame barakubura.
Mirimo na Barame barakama.

a. Mirimo na Barame bakora iki?
b. Mirimo na Barame barakama?

3. Andika ingombajwi **n** na **m** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

n n n n m m m m

4. Andika ingombajwi **N** na **M** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

N N N N    M M M M

5. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| ni | nu | no | na | ne |
| mi | mu | mo | ma | me |

6. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike.

a. ika → ramu

| | |
|---|---|
| a. ika | rimo |
| b. imi | ramu |
| c. ama | riba |

7. Curukura iyi migemo ukore ijambo, uryandike.

a. mu-ka-u-ra
b. no-a-ma
c. ki-i-mi-no


8. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Mirimo na marume barakama.

# Ingombajwi g G

1. Erekana amashusho arimo ijwi **g**.





2. Erekana ingombajwi **g G**.

| g | G |
|---|---|

3.Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| g | gi | gu | go | ga | ge |

4. Soma amagambo akurikira.

| umugore | Kagabo | umugani | ukuguru | amagi |
|---|---|---|---|---|

5. Soma interuro ikurikira.

Kura amaguru ku mugina.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Imegeri ku mugina



Gaga na Gakire barareba umugina.
Umugina uri mu migano.
Umugina ugira imegeri.

a. Gaga na Gakire barakora iki?
b. Umugina ugira iki?

7. Andika ingombajwi **g** mu nyuguti nto.

g g g g g g g g g

8. Andika ingombajwi **G** mu nyuguti nkuru.

G G G G G G G

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.



| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | umu _ ani | g | m | r |
| b. | _ akuru | e | G | r |

10. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Umugina ugira imegeri.

# Imyitozo


1. Erekana amashusho arimo ijwi **g**.




2. Huza inyuguti **g** n'ishusho irimo ijwi **g**.

g




3. Soma imigemo ikurikira.

go ga gi gu ge

4. Soma amagambo akurikira.

umugeni ikigoroba umugabo umugi urugo

5. Soma interuro zikurikira.

Abana barabagara ibigori.

Ibigori biri mu kigega.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Mugabo na Mugeni




Mugabo na Mugeni baba ku Kigeme.
Barababagara ibigori.
Baragaruka mu rugo nimugoroba.

a. Mugabo na Mugeni baba ku Kigeme?
b. Mugabo na Mugeni barakora iki?

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Gakuru agemura amagi



Gakuru agemura amagi i Gabiro.
Gakuru arabara amagi.
Gakuru agemura amagi ku igare.

a. Gakuru arabara iki?
b. Gakuru agemura amagi ku ki?

8. Andika ingombajwi **g** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

g g g g g g g g

9. Andika ingombajwi **G** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

G G G G G G G G G

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| gi | gu | go | ga | ge |
| mi | mu | mo | ma | me |

11. Soma kandi wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.

igare urugo Kagabo Gaga urugi

12. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike.


a. uku → guru | ri
b. igika | guru
c. i | gare

13. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.


Gakuru arabara amagi.

# Ingombajwi y Y

1. Erekana amashusho arimo ijwi **y**.







2. Erekana ingombajwi **y Y**.

| y | Y |
|---|---|

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| y | yi | yu | yo | ya | ye |

4. Soma amagambo akurikira.

Yobu ikiyaga umuyaga amayugi uruyuki

5. Soma interuro ikurikira.

Yuriyana yagiye ku kiyaga.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Yakobo na Yuriya



Yakobo na Yuriya bagiye ku kiyaga.
Bakigerayo babona uruyuki.
Yakobo na Yuriya bariruka.
Uruyuki ruraguruka.

a. Yuriya na Yakobo bagiye ku kiyaga?
b. Kuki Yakobo na Yuriya biruka?

7. Andika ingombajwi **y** mu nyuguti nto.

y y y y y y y y y y

8. Andika ingombajwi **Y** mu nyuguti nkuru.

Y Y Y Y Y Y Y Y

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira maze wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | umu _ aga | y | r | a |
| b. | _ akobo | g | r | Y |

10. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.


Yakobo na Yuriya bagiye ku kiyaga.

# Imyitozo


1. Erekana amashusho arimo ijwi **y**.














2. Huza ingombajwi **y** n'ishusho irimo ijwi **y**.

y





3. Soma imigemo ikurikira.



| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| ya | yo | yu | ye | yi |

4. Soma amagambo akurikira.



| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Yona | ikayi | umuyaga | akayira | ikiyaga |

5. Soma interuro zikurikira.

Yeremiya arereka Yuriyana akayira.

Yakobo yaguriye Yona amayugi

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Amayugi



Meraniya yaguriye Yuriyana na Yobu amayugi.
Ayo mayugi ni manini.
Yobu arayabara yose.
Yuriyana arayabika.

a. Ni iki Meraniya yaguriye Yobu na Yuriyana?
b. Yobu arakora iki?

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Mariyana na Yona



Mariyana na Yona bagiye ku kiyaga.
Akayaga kari gake.
Mariyana areba uko Yona aroba.
Nuko Mariyana yiga kuroba.

a. Mariyana na Yona bagiye ku kibuga?
b. Mariyana areba iki?

8. Andika ingombajwi y mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

y y y y y y y y y y

9. Andika ingombajwi **Y** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

Y Y Y Y Y Y Y Y Y

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| yi | yu | yo | ya | ye |
| gi | gu | go | ga | ge |

11. Soma kandi wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.

umuyaga ikiyaga Yobu akayira ikayi

12. Curukura iyi migemo ukore ijambo, uryandike mu ikayi yawe.

a. i-yi-bi-ra

b. ra-a-yi-ka

c. ra-ku-yo


13. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Yuriyana na Yona bagiye ku kiyaga.

# Ingombajwi t T

1. Erekana amashusho arimo ijwi **t**.





2. Erekana ingombajwi **t T**.

| t | T |
|---|---|

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| t | ti | tu | to | ta | te |

4. Soma amagambo akurikira.

urutoki ibiti amateke itara gatatu

5. Soma interuro ikurikira.

Gatete aratera ibiti.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Tito na Teta



Tito na Teta baratera ibiti.

Tito na Teta baratera ibirayi.

Tito na Teta baratera urutoki.

Tito na Teta baratera imitini.

a. Tito na Teta baratera iki?

b. Tito na Teta baratera amateke?

7. Andika ingombajwi **t** mu nyuguti nto.

t t t t t t t t t t

8. Andika ingombajwi **T** mu nyuguti nkuru.

T T T T T T T

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.



| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | _ ito | e | T | a |
| b. | umu_ ima | i | b | t |


10. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Tito na Teta baratera ibiti.

# Imyitozo



1. Erekana amashusho arimo ijwi **t**.




2. Huza ingombajwi **t** n'ishusho irimo ijwi **t**.

t

3. Soma imigemo ikurikira.

to ta te ti tu

4. Soma amagambo akurikira.

umutuku igitaramo ibati umutemeri

5. Soma interuro zikurikira.

Timote aratonora ibitoki.

Tito aragotomera umutobe.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Karibata aratera ibiti



Karibata atuye mu Mutara.
Karibata atera ibiti.
Karibata yateye ibiti bitanu.
Ibiti yateye ni bitobito.

a. Karibata atuye mu Mutara?
b. Karibata atera iki?

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Torero na Tetero



Torero ateka amata.
Tetero ateka amateke.
Torero na Tetero bakata ibirayi.
Torero na Tetero ubu baratonora igitoki.

a. Torero ateka iki?
b. Torero na Tetero ubu barakora iki?

8. Andika ingombajwi **t** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

t t t t t t t t t t

9. Andika ingombajwi **T** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

T T T T T T T T T

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| ti | tu | to | ta | te |
| yi | yu | yo | ya | ye |

11. Soma wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.

urutoki umutuku umutobe ibati

12. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike.


| | |
|---|---|
| a. umu | tebo |
| b. igi | yira |
| c. aka | ti |


13. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Torero na Tetero baratonora igitoki.

# Ingombajwi z Z

1. Erekana amashusho arimo ijwi **z**.





2. Erekana ingombajwi **z Z**.

| z | Z |
|---|---|

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| z | zi | zu | zo | za | ze |

4. Soma amagambo akurikira.


izuba uruziga Zakariya ikizere ikibazo

5. Soma interuro ikurikira.

Amazi meza ari ku meza.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Zita ku kiraro



Zita ari ku kiraro.
Arota izuba areba umugezi.
Zita aritegereza amazi.
Zita azoga ayo mazi meza.

a. Zita ari ku kiraro?
b. Zita arakora iki?

7. Andika ingombajwi **z** mu nyuguti nto.

z z z z z z z z z

8. Andika ingombajwi **Z** mu nyuguti nkuru.

Z Z Z Z Z Z

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | _ akayo | a | r | Z |
| b. | iki _ ere | z | t | y |

10. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.



Zita azoga ayo mazi meza.

# Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo ijwi **z**.







2. Huza ingombajwi **z** n'ishusho irimo ijwi **z**.

# Z

3. Soma imigemo ikurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| zu | za | zi | zo | ze |

4. Soma amagambo akurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Keza | imizi | zeru | uruyuzi | umuzamu |

5. Soma interuro ikurikira.

Zirikana aroza ameza.

Izere arubaka uruzitiro.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Azera na Zigama



Azera na Zigama baratera uruyuzi.
Azera na Zigama barazana amazi ku ruyuzi.
Uruyuzi ruzazana imizi.
Uruyuzi ruzazamuka ku ruzitiro.

a. Azera na Zigama baratera iki?
b. Azera na Zigama barazana iki ku ruyuzi?

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Abana beza



Mariza na Zitoni ni abana beza.
Mariza na Zitoni bagiye i Zaza.
Baguriye Zirikana amata meza.
Zirikana akeneye umutozo.

a. Mariza na Zitoni baguze iki?
b. Baguriye Zirikana amata ameze ate ?

8. Andika ingombajwi **z** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

z z z z z z z z z z

9. Andika ingombajwi **Z** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

Z Z Z Z Z Z Z Z Z

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| zi | zu | zo | za | ze |
| yi | yu | yo | ya | ye |

11. Soma kandi wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.

uruziga | amazuru | ikiziba | Keza | zeru

12. Curukura iyi migemo ukore ijambo, uryandike.

a. mu-u-zi

b. ki-i-ba-zi

c. zi-u-to-ru

13. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Mariza na Zitoni bagiye i Zaza.

# Isuzuma risoza umutwe wa kane

1. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| gi | gu | go | ga | ge |
| yi | yu | yo | ya | ye |
| ti | tu | to | ta | te |
| zi | zu | zo | za | ze |


2. Soma amagambo akurikira.

amayugi ikigega ikibaya ikiyaga umuyaga

uruziga urutozi amazi ikibiriti umutima

3. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Abana ba Mugabo



Abana ba Mugabo ni batatu.
Kamana ni mukuru kuri Narame.
Yuriyana ni muto kuri Narame.
Kamana aruta Narame na Yuriyana.

a. Abana ba Mugabo ni batanu?
b. Narame aruta Yuriyana?

4. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Gahizi na Mugeni



Gahizi na Mugeni batuye ku Mugina.
Gahizi na Mugeni bagiye kugura amagi.
Amagi bayagemura mu mugi.

a. Gahizi na Mugeni batuye ku Mugina?
b. Gahizi na Mugeni bagemura iki?

5. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Gutera ibiti



Tereza na Timote bateye ibiti.
Ibiti bizana imizi ikomeye.
Tereza na Timote barabibagara.
Ibiti bizana amababi meza.

a. Tereza na Timote barakora iki?
b. Ibiti bizana amababi ameze ate?

6. Andika ingombajwi **g** na **y** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

g g g g g y y y y y

7. Andika ingombajwi **G** na **Y** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

G G G G Y Y Y Y

8. Andika ingombajwi **t** na **z** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

t t t t z z z z

9. Andika ingombajwi **T** na **Z** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

T T T T Z Z Z Z

10. Curukura iyi migemo ukore ijambo, uryandike mu ikayi yawe.

a. zo-u-tu-mu

b. ga-ya-ki-i




c. ru-u-zi-yu

11. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Amagi bayagemura mu mugi.

# Ingombajwi h H

1. Erekana amashusho arimo ijwi **h**.

2. Erekana ingombajwi **h H**.

h H

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| h | hi | hu | ho | ha | he |

4. Soma amagambo akurikira.

igihugu Higiro umuhari amahane amahoro

5. Soma interuro ikurikira.

Muhire na Muhoza barakina.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.


# Gutabarana



Mahoro na Higiro bariruka.
Higiro arahagira.
Mahoro yaguye arakomereka.
Higiro atabara Mahoro aramuhoza.


a. Mahoro na Higiro barakora iki?
b. Higiro yakoze iki?

7. Andika ingombajwi **h** mu nyuguti nto.



h h h h h h h h

8. Andika ingombajwi **H** mu nyuguti nkuru.



H H H H H H

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | umu _ igo | k | h | a |
| b. | _ iganiro | y | a | H |


10. Curukura aya magambo ukore interuro uyandike.



neza - ikizamini - Muhizi - yakoze.

# Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo ijwi **h**.







2. Huza ingombajwi **h** n'ishusho irimo ijwi **h**.

h

3. Soma imigemo ikurikira.

| hu | ho | ha | he | hi |
|---|---|---|---|---|

4. Soma amagambo akurikira.

| imuhira | umuharuro | ihene | igihuru | guhaha |
|---|---|---|---|---|


5. Soma interuro zikurikira.

Muhizi yariye arahaga.

Muhoza yaguze ibihaza.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Bahati na Buhoro




Bahati yiga ku Kamuhoza.
Buhoro yiga i Kirehe.
Bahati na Buhoro bahurira imuhira.
Mu rugo bakora imirimo iboroheye.

a. Bahati yiga he?
b. Bahati na Buhoro bakora iki?

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Muhire na Muhoza



Muhire na Muhoza barakina umugozi.
Haruna ageze imuhira.
Muhire na Muhoza bahagarika gukina.
Haruna arabahobera.

a. Muhire na Muhoza bakina iki?
b. Haruna yahobeye Muhire na Muhoza ageze he?

8. Andika ingombajwi **h** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

h h h h h h h h h h

9. Andika ingombajwi **H** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

H H H H H H H H H

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| zi | zu | zo | za | ze |
| hi | hu | ho | ha | he |

11. Soma kandi wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.

umuhari | Higiro | ihene | igihuru | imuhira

12. Curukura imigemo ikurikira ukore ijambo, uryandike.

a. ma - i - he
b. ro - Hi - gi
c. ha - mu - he - u


13. Curukura amagambo akurikira ukore interuro, uzandike.

a. Higiro - ihene - yaguze.

b. ibihaza - Gahigi - yateye.

# Ingombajwi s S

1. Erekana amashusho arimo ijwi **s**.

2. Erekana ingombajwi **s S**.



| s | S |
|---|---|

3. Soma imigemo ikurikira.



| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| s | si | su | so | sa | se |

4. Soma amagambo akurikira.



isoko | amaso | isi | isake | isaro

5. Soma interuro ikurikira.



Samusoni atoza Sara gusoma.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Susuruka na Musoni



Susuruka na Musoni barasoma ibitabo.
Mu bitabo harimo amasomo biga.
Mu masomo biga harimo kugira isuku.
Bazi gusukura amasorori.

a. Ni iki Susuruka na Musoni bazi gusukura?
b. Musoni arakora iki?

7. Andika ingombajwi **s** mu nyuguti nto.

s s s s s s s s s s s

8. Andika ingombajwi **S** mu nyuguti nkuru.

S S S S S S S S

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | _ ehene | S | h | o |
| b. | isa _ a | i | s | h |


10. Curukura aya magambo ukore interuro, uyandike.

Masabo - amasaka - arasarura.

# Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo ijwi **s**.









2. Huza ingombajwi **s** n'ishusho irimo ijwi **s**.

**S**




3. Soma imigemo ikurikira.

si | sa | se | su | so

4. Soma amagambo akurikira.

isaha | isuku | isuka | isomo | isaso

5. Soma interuro zikurikira.

Sabana aragaburira Suzana ibisusa.

Sugira asoroma isogi.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Masabo na Musine




Masabo na Musine bakora isuku.
Bamesera amasogisi mu mabase.
Basukura aho barara.
Basasira Gihozo uburiri.
Gihozo yabibona agaseka.

a. Masabo na Musine bamesera amasogisi mu ki?
b. Ni he Masabo na Musine basukura?

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Sugira na Sara



Sugira na Sara basukura amasahani.
Bazi no koza amasorori.
Bayahanagura neza.
Bakayahereza Suzana akayabika ahasukuye.

a. Sugira na Sara barasukura iki?
b. Aho Suzana abika amasahani hameze hate?

8. Andika ingombajwi **s** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

s s s s s s s s s s

9. Andika ingombajwi **S** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

S S S S S S S S S

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| si | su | so | sa | se |
| hi | hu | ho | ha | he |

11. Soma kandi wandike amagambo akurikira mu ikayi yawe.

amaso | isake | isi | isahani | isosi

12. Curukura iyi migemo ukore ijambo, uryandike.

a. ni-Sa-mu-so

b. go-u-se-mu

c. a-so-ma




13. Curukura aya magambo ukore interuro uzandike.

a. Mu - kigega -Samusoni -amasaka - arasuka.

b. Sara - Suzana - amasogisi - arasaba.

# Ingombajwi v V

1. Erekana amashusho arimo ijwi **v**.

2. Erekana ingombajwi **v V**.

| v | V |
|---|---|

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| v | vi | vu | vo | va | ve |

4. Soma amagambo akurikira.


| Save | uruvu | ivomo | Vareriya | ivi |
|---|---|---|---|---|

5. Soma interuro ikurikira.

Vumiriya aravuza abana be.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Verena mu ivatiri



Nimugoroba Verena yababaraga ku ivi.
Saveri amuvuza ku ivuriro.
Baza mu ivatiri ya Sirivani.
Bageze mu rugo bavuza ihoni.
Ivona arabakira abavurugira ikivuguto.
Saveri na Verena baraseka.

a. Verena yababaraga he?

b. Ivona yabavurugiye iki?

7. Andika ingombajwi **v** mu nyuguti nto.

v v v v v v v v v

8. Andika ingombajwi **V** mu nyuguti nkuru.

V V V V V V V

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | _ erena | e | V | h |
| c. | i _ atiri | s | h | v |

10. Curukura aya magambo ukore interuro uyandike.

Verena - ikivuguto - aravuruga.

# Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo ijwi **v**.














2. Huza ingombajwi **v** n'ishusho irimo ijwi **v**.

V





3. Soma imigemo ikurikira.

| vu | vo | va | vi | ve |
|---|---|---|---|---|

4. Soma amagambo akurikira.

| ivatiri | umuvumu | ikivi | ivubi | ivu |
|---|---|---|---|---|

5. Soma interuro zikurikira.

Vesitina avugira abana bavukana ubumuga.

Vumiriya avura abana.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Uruvu ku kivovo



Muvara na Vareriya bakinaga.
Babona uruvu ku kivovo.
Burira umuvumu bavuza akaruru.
Haza Saverina ubaza imivure mu mivumu.
Akura uruvu ku kivovo.
Muvara na Vareriya basubira gukina baganira.

a. Uruvu ruri ku ki?
b. Kuki Muvara na Vareriya bavuza akaruru?

7. Andika ingombajwi **v** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

v v v v v v v v v v

8. Andika ingombajwi **V** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

V V V V V V V V V

9. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| vi | vu | vo | va | ve |
| si | su | so | sa | se |

10. Soma kandi wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.

Save | umuvu | ivuriro | ivatiri | ikivi

11. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike.

| | |
|---|---|
| a. uru | vuzi |
| b. imi | bavu |
| c. aba | vumu |

12. Curukura aya magambo ukore interuro, uzandike.

a. yaguze - Veronika - umubavu

b. ku - bari - Abavuzi - ivuriro

c. meza - kivamo - amavuta - Ikivuguto

# Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Venusiti na Veronika



Veronika avuye kuvoma.
Abona umutavu uvuye mu kiraro.
Ahamagara Venusiti aha umutavu imivumu.
Asukira umutavu amazi mu muvure.
Veronika yitegereza uko Venusiti yita ku mutavu.

a. Veronika avuye he?
b. Ni iki Venusiti aha imivumu?

2. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Herena na Samusoni



Herena na Samusoni ni abana ba Viviyana.
Herena avuye ku isoko kugura avoka.
Samusoni avuye ku iriba kuvoma amazi.
Viviyana yasigaye ateka.
Abana be bakora imirimo yo mu rugo neza.
Viviyana arababona bikamunezeza.

a. Herena yaguze avoka he?
b. Viviyana yasigaye akora iki?

3. Soma kandi wandike imigemo ikurikira mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| hi | hu | ho | ha | he |
| si | su | so | sa | se |
| vi | vu | vo | va | ve |

4. Andika ingombajwi **v** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

h h h s s s v v v

5. Andika ingombajwi **V** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

H H H S S S V V V

6. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike.

a. umu — bune

b. isa — voma

c. ku — heha

7. Curukura amagambo akurikira ukore interuro, uzandike.

a. ibihaza - arasarura - Muvara.


b. akubura - Vanesa - vuba - umuharuro.

c. ikivuguto - Verena - araha - Saveri.

# Ingombajwi w W

1. Erekana amashusho arimo ijwi **w**.







2. Erekana ingombajwi **w W**.

w W

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| w | wi | wu | wo | wa | we |

4. Soma amagambo akurikira.

ibaruwa iwuwa ikawa Uwera iwe

5. Soma interuro ikurikira.

Wihohotera Uwera na Wibabara.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Wibabara na Werarisi



Wibabara yagiye gusura Werarisi lwawa.
Werarisi yateye ikawa mu murima.
Wibabara na Werarisi barakorera ikawa.
Werarisi yahaye Wibabara ibaruwa yo guha Muvara.

a. Wibabara yagiye he?

b. Ni iki Werarisi yateye mu murima?

7. Andika ingombajwi **w** mu nyuguti nto.

w w w w w w w w w

8. Andika ingombajwi **W** mu nyuguti nkuru.

W W W W W

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira, wandike ijambo.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | ika _ a | e | w | h |
| b. | _ erarisi | a | h | W |




10. Hitamo ijambo mu gakuru wuzuze interuro uyandike.

Uwimana arasoroma ______________.

# Imyitozo



1. Erekana amashusho arimo ijwi **w**.

2. Huza ingombajwi **w** n'ishusho irimo ijwi **w**.

W

3. Soma imigemo ikurikira.



| wo | wa | wi | we | wu |
|---|---|---|---|---|

4. Soma amagambo akurikira.



| Kawera | Wihohotera | ibaruwa | ikawa | iwabo |
|---|---|---|---|---|

5. Soma interuro zikurikira.

Uwera arahoza Uwimana wahohotewe.

Wibabara ataka amawuwa iwabo.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Uwimana na Wihogora




Uwimana yavuye gusura Wihogora.
Uwimana abona uruvu ku ikawa.
Uwimana yahise ataha yihuta.
Abona Uwizeye akubita Uwase.
Uwimana atabara Uwase aramuhoza.

a. Uwimana yari avuye he?
b. Uwimana yakoreye iki Uwase?

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Uwera na Kawera



Kawera na Uwera ni abana ba Izabayo.
Uwera ni murumuna wa Kawera.
Izabayo atoza abana imirimo yo mu rugo.
Kawera arakata amawuwa vubavuba.
Uwera na Kawera bategura neza iwabo.

a. Ni iki Izabayo atoza abana be?
b. Kawera arakora iki?

8. Andika ingombajwi **w** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

w w w w w w w w w w

9. Andika ingombajwi **W** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

W W W W W W W

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| wi | wu | wo | wa | we |
| vi | vu | vo | va | ve |

11. Soma kandi wandike amagambo akurikira mu ikayi yawe.

ibaruwa | iwawa | Uwera | ibaruwa | ikawa

12. Curukura iyi migemo ukore ijambo, uryandike.

a. ma-U-na-wi

b. bo-i-wa

c. wi-we-ri

13. Hitamo ijambo rikwiye wuzuze interuro uzandike.




iwabo, imirimo, Wihogora

a. __________ atera amawuwa.

b. Wibabara yasubiye __________.

# Ingombajwi c C

1. Erekana amashusho arimo ijwi **c**.

2. Erekana ingombajwi **c C**.

| c | C |
|---|---|

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| c | ci | cu | co | ca | ce |

4. Soma amagambo akurikira.


| ico | icumu | igiciro | umuceri | igiceri |
|---|---|---|---|---|

5. Soma interuro ikurikira.

Umukecuru aratora umuceri.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Gicari na Cacana



Gicari aracana igicaniro.
Cacana aracucuma ibirayi.
Gicari arateka umuceri ucagase.
Gicari na Cacana bicaye ku muce.
Mukecuru aracira umugani Gicari na Cacana.

a. Gicari aracana iki?
b. Gicari na Cacana bicaye he?

7. Andika ingombajwi **c** mu nyuguti nto.

c c c c c c c c c

8. Andika ingombajwi **C** mu nyuguti nkuru.

C C C C C

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | umu _uruzi | w | r | c |
| b. | igi _ eri | g | c | b |

10. Hitamo ijambo rikwiye wuzuze interuro, uyandike.


Gicari, bicaye, igicuma

Umukecuru yaguze ________ ku Kicukiro.

# Ingombajwi d D

1. Erekana amashusho arimo ijwi **d**.







2. Erekana ingombajwi **d D**.

| | |
|---|---|
| d | D |

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| d | di | du | do | da | de |

4. Soma amagambo akurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| idebe | umuduri | dodo | data | iduka |

5. Soma interuro ikurikira.

Dativa aratotora dodo.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Akadenesi ka Doroteya



Doroteya yagiye ku maduka.
Doroteya yaguze akadenesi.
Doroteya na Muhamedi baradusuye turakina.
Muhamedi yatuzaniye umuduri.
Doroteya na Muhamedi baceka umudiho.

a. Doroteya yaguze iki?
b. Muhamedi yatuzaniye iki?

7. Andika ingombajwi **d** mu nyuguti nto.

d d d d d d d d d d

8. Andika ingombajwi **D** mu nyuguti nkuru.

D D D D D D D

9. Andika ijambo ukoresheje imwe mu nyuguti zikurikira.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | umu _ ozi | a | d | w |
| b. | _ ina | k | m | D |

10. Hitamo ijambo rikwiye mu gakuru wuzuze interuro, uyandike.

Doroteya na Muhamedi baraceka________.

# Imyitozo


1. Erekana amashusho arimo ijwi **c** cyangwa **d**.



2. Huza ingombajwi **c** cyangwa **d** n'ishusho irimo ijwi **c** cyangwa **d**.

c

d



3. Soma imigemo ikurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| ci | ce | cu | co | ca |
| da | do | du | de | di |

4. Soma amagambo akurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| ico | dodo | igiciro | iduka | umuduri |


5. Soma interuro zikurikira.

Doroteya agira umuco wo gusoma.

Domina acuruza amadegede.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Macari na Dariya



Macari yagiye gusura Dariya ku Kicukiro.
Macari amuzanira ubudodo.
Dariya areba ubudodo burebure.
Dariya amutekera dodo.
Dariya na Macari bagiye ku maduka.
Baguzeyo imidaho yo gucucuma amadegede.

a. Macari yagiye gusura Dariya he?
b. Dariya yamutekeye iki?

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Gicari ku isoko



Gicari yagiye kugura dodo ku isoko.
Agezeyo asuhuza Domina amusaba dodo.
Domina amuha dodo arataha.
Izo dodo Gicari azazicucumira mu gitoki.

a. Gicari yaguze iki ku isoko?
b. Dodo Gicari azazimaza iki?

8. Andika ingombajwi **c** na **d** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

c d d c d c c d d c

9. Andika ingombajwi **C** na **D** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

C C D C D D C C

10. Soma kandi wandike amagambo akurikira mu ikayi yawe.

ibiceri | igicuma | amadegede | urudodo

11. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike.

a. idu → ceri

b. gu → ka

c. umu → ceza

12. Hitamo ijambo rikwiye wuzuze interuro uzandike.

radiyo, Domina, bucura, kugura.

Gicari ni we ___________ iwabo.

Ku iduka bacuruza ___________.

13. Curukura aya magambo ukore interuro, uzandike.

a. amuha - umucuruzi - imidaho.

b. Gicari - ku - isoko - dodo - yaguze.

c. yamuhaye - Data - ibiceri - bitanu.

# Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

1. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| wi | wu | wo | wa | we |
| ci | cu | co | ca | ce |
| di | du | do | da | de |

2. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Ni bibi kuvuna abana



Uwera yagiye lwawa yikoreye igicuba.
Agera ku iduka aho Macari acururiza ananiwe.
Macari areka gucuruza amadegede atura Uwera.
Wihogora udodera ku iduka amuha umuce aricara.
Macari atuma Uwera kuri Werarisi amuha ibaruwa.
Abuza Werarisi gukorera abana igicuba kiremereye.

a. Uwera yagiye lwawa yikoreye iki?
b. Wihogora adodera he?

3. Andika ingombajwi **w** mu nyuguti nto n'inkuru mu ikayi yawe.

w w w w W W W W

4. Andika ingombajwi **c** mu nyuguti nto n'inkuru mu ikayi yawe.

c c c c C C C C

5. Andika ingombajwi **d** mu nyuguti nto n'inkuru mu ikayi yawe.

d d d d D D D D

6. Hitamo ijambo rikwiye wuzuze interuro uzandike.

Igicuba, ubudodo, amawuwa.

a. Donatira yaguze ____________adodamo amasogisi.

b. ___________kibika amata.

c. Dariya yateguye ______________meza.

7. Curukura aya magambo ukore interuro, uzandike.


a. Yiga - Wihogora - Iwawa.


b. mu - Bucura - yaguze - iduka - radiyo.

c. aracuruza - Didasi - amadegede.


# Ingombajwi f F

1. Erekana amashusho arimo ijwi **f**.






2. Erekana ingombajwi **f F**.



f

F

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| f | fi | fu | fo | fa | fe |

4. Soma amagambo akurikira.

Fatuma ifoto ifu ifuro ifi

5. Soma interuro ikurikira.

Furaha afite amafi manini.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Furaha na Damasi



Furaha yagiye kugura ifarini.
Ahura na Dativa afite amafi mu ibase.
Dativa aha Furaha amafi abiri.
Furaha ageze iwe ateka amafi mu isafuriya.
Furaha agotomera umufa anezerewe.

a. Furaha yagiye kugura iki?
b. Furaha ageze mu rugo yakoze iki?

7. Andika ingombajwi **f** mu nyuguti nto.

f    f f f f f f f f f

8. Andika ingombajwi **F** mu nyuguti nkuru.

F    F F F F F F

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.




| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | igi _ u | r | f | d |
| b. | _ uraha | d | w | F |

10. Curukura amagambo ukore interuro uyandike mu ikayi yawe.

birakomera - ifi - Kuroba.

# Ingombajwi j J

1. Erekana amashusho arimo ijwi j.

2. Erekana ingombajwi j J.

j J

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| j | ji | ju | jo | ja | je |

4. Soma amagambo akurikira.


ijuru ijoro ijeri ejo ijana

5. Soma interuro ikurikira.

Mujiji yororeye ihene i Jabana.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Joriji mu gikoni



Joriji yogeje amajerikani abikamo amazi.
Amaze koza ateka amafi.
Ategura imiteja mu isafuriya nini.
Nijoro yatumiye Jani ku meza baraganira.
Joriji na Jani baranezerewe.

a. Ni hehe Joriji abika amazi?
b. Ni iki Joriji yateguriye mu isafuriya?

7. Andika ingombajwi j mu nyuguti nto.

j j j j j j j j j j

8. Andika ingombajwi J mu nyuguti nkuru.

J J J J J J J

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | imite _ a | k | j | w |
| b. | _ uru | s | y | J |

10. Curukura amagambo ukore interuro uzandike mu ikayi yawe.

Jani - ku - arareba - ijuru

# Imyitozo


1. Erekana amashusho arimo ijwi **f** na **j**.

2. Huza ingombajwi **f** cyangwa **j** n'ishusho irimo ijwi **f** cyangwa **j**

f





3. Soma imigemo ikurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| fi | jo | fu | ju | fa |
| ja | fe | je | fo | ji |

4. Soma amagambo akurikira.

ijuru Fatuma ifoto ejo ifuro

5. Soma interuro zikurikira.

Janine na Fatuma barafura amajipo.
Furaha afite ibijigo bijegajega.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Jabo ateka neza




Jabo afite isafuriya atekamo.

Ku meza hari akajerikani karimo amavuta.
Akatira imiteja ku isahani.
Atekera amafi mu isafuriya.
Jabo aha Furaha umufa.
Furaha awuhuta anezerewe.

a. Ni iki Jabo atekamo amafi?
b. Ni hehe Jabo akatira imiteja?

7. Andika ingombajwi **f na j** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

f  f j f j f j f j f j

8. Andika ingombajwi **F** na **J** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

J  F J F J F J

9. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| fi | fu | fo | fa | fe |
| ji | ju | jo | ja | je |

10. Soma kandi wandike aya magambo akurikira mu ikayi yawe.

isafuriya ijuru ijerekani ifarasi

11. Curukura iyi migemo ukore ijambo, uryandike mu ikayi yawe.


| | | |
|---|---|---|
| i-ru-ju | fo-i-to | ri-Jo-ji |

12. Curukura aya magambo ukore interuro uyandike mu ikayi yawe.

abageni - arafotora - Gafuku

# Ingombajwi p P

1. Erekana amashusho arimo ijwi **p**.

2. Erekana ingombajwi **p P**.

p P

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| p | pi | pu | po | pa | pe |

4. Soma amagambo akurikira.

ipasi ipapayi igipupe ipikipiki umuporisi

5. Soma interuro ikurikira.

Ipusi irurira ipapayi.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Ipusi ya Poponi



Poponi na Jabiro boroye ipusi iwabo.
Ipusi ya Poponi na Jabiro yuriye ipera.
Ipusi ya Poponi na Jabiro yitegereje amapera.
Ipusi yahawe amata na Poponi.
Ipusi iranezerewe.

a. Poponi na Jabiro bororeye he ipusi?
b. Ipusi yahawe iki?

7. Andika ingombajwi **p** mu nyuguti nto.

p p p p p p p

8. Andika ingombajwi **P** mu nyuguti nkuru.

P P P P P P P

9.Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.



| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | _ etero | r | f | P |
| b. | igi _ esu | j | p | f |

10. Curukura amagambo ukore interuro uyandike mu ikayi yawe.

umurizo - ipusi - ifite

# Ingombajwi l L

1. Erekana amashusho arimo ijwi **l**.


2. Erekana ingombajwi **l L**.

| l | L |
|---|---|

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| l | li | lu | lo | la | le |

4. Soma amagambo akurikira.


Silasi | Leta | Repubulika | Lusaka | Lome

5. Soma interuro ikurikira.

Kigali ni umugi munini.
Kalisa atuye i Kigali.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Kalisa atuye i Jali



Kalisa na Penina batuye ku musozi wa Jali.
Umusozi wa Jali uherereye muri Kigali.
Hari ibiti birebire bizana umuyaga.
Kigali ni umugi munini.
Kalisa na Penina baba heza.

a. Umusozi wa Jali uherereye he?
b. Kigali ni iki?

7. Andika ingombajwi l mu nyuguti nto.

8. Andika ingombajwi L mu nyuguti nkuru.

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.





| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | Kiga _ i | p | f | l |
| b. | _ eta | v | j | l |

10. Curukura amagambo ukore interuro uzandike mu ikayi yawe.

atuye - i - Kalisa - Kigali



# Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo ijwi **p** na **l**.

2. Huza ingombajwi **p** n'ishusho irimo ijwi **p**.

p

3. Soma imigemo ikurikira.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| pu | pi | pe | po | pa |
| li | la | lo | le | lu |

4. Soma amagambo akurikira.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| ipata | Kigali | ipapayi | Leta | igipupe |

5. Soma interuro zikurikira.

Papiyasi atuye i Kigali.
Leta yacu ifite ikicaro i Kigali.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Baguze amapera



Papiyasi na Penina bagiye i Kigali.
Papiyasi na Penina baguze amapera.
Baguriye Piyo umupira wo gukina.
Babipakiye ku ipikipiki.
Bicara ku ipikipiki barataha.
Bageze mu rugo baha Piyo umupira.

a. Papiyasi na Penina bagiye he?
b. Papiyasi na Penina baguriye iki Piyo?

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Kalisa afite ipusi




Kalisa afite ipusi. Ipusi ye ayiha amata.
Kalisa afata ipusi ye neza.
Ayigaburira ku ipanu.
Ipusi ye imukurikira aho agiye hose.

a. Kalisa afite iki?
b. Kalisa afata ipusi ye ate?

8. Andika ingombajwi **p** na **l** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

p l p l p l p l

9. Andika ingombajwi **P** na **L** mu nyuguti nkuru mu ikayi yawe.

L P P L L P P L L P

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| pi | pu | po | pa | pe |
| li | lu | lo | la | le |

11. Soma kandi wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.

Repubulika umupira Piyo Leta

12. Curukura aya magambo ukore interuro, uzandike.

a. amaso-Ipusi-manini-ifite

b. maremare-i-Kigali-Amazu-aba

c. Petero-umupira-aratera

# Isuzuma risoza umutwe wa karindwi

1. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| fi | fu | fo | fa | fe |
| ji | ju | jo | ja | je |
| pi | pu | po | pa | pe |
| li | lu | lo | la | le |

2. Soma amagambo akurikira.

ifiriti umufuka Silasi ijerekani Repubulika

3. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Mutijima i Kigali



Mutijima yaje i Kigali agemuye amapera.
Abona Furaha afite amapera akuye i Jali.

Furaha yurira imodoka.
Mutijima amugeza i Kigali.
Abapagasi bapakurura amapera.
Furaha agurira Mutijima amapata.
Furaha ayapakira mu modoka.
Mutijima agura amabati yo kubakira ihene.

a. Mutijima yaje he?
b. Mutijima yaguze amabati yo kumara iki?

4. Andika ingombajwi **f na J** mu nyuguti nto n'inkuru mu ikayi yawe.

f f j j F F J J

5. Andika ingombajwi **p na L** mu nyuguti nto n'inkuru mu ikayi yawe.

p p l l P P L L

6. Curukura aya magambo ukore interuro, uzandike.

a. umupira - akina - Mujiji
b. yariye - Firipo - amapapayi
c. afata - Umuporisi - umujura

# Igihekane nd

1. Erekana amashusho arimo ijwi **nd**.





2. Erekana igihekane **nd**.

| nd | Nd |
|---|---|

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| nd | ndi | ndu | ndo | nda | nde |

4. Soma amagambo akurikira.

amatunda | ibendera | induru | indimu | indobo

5. Soma interuro ikurikira.

Itunda ni urubuto rufitiye umubiri akamaro.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Bateye indimu



Mukandori na Ndandari bateye indimu.
Indimu zirera ziba umuhondo.
Bakunda gukora umutobe mu ndimu.
Ubutaha barifuza kuzatera amatunda atandatu.
Amatunda na yo ni meza ku buzima.

a. Mukandori na Ndandari bateye iki?
b. Ubutaha barifuza kuzatera iki?

7. Andika igihekane **nd** mu nyuguti nto.

nd nd nd nd nd nd nd

8. Andika igihekane **Nd** gitangiwe n'inyuguti nkuru.

Nd Nd Nd Nd

9. Uzurisha umwe mu migemo ikurikira maze wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | i _ ge | ndi | nda | nde |
| b. | _ ndari | Nda | ndo | ndu |

10. Hitamo ijambo rikwiye wuzuze neza interuro, uyandike.

__________ yandindiye indabo. (inanga, Ndereya)

# Igihekane ng Ng

1. Erekana amashusho arimo ijwi **ng**.

2. Erekana igihekane **ng**.

**ng** **Ng**

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| ng | ngi | ngu | ngo | nga | nge |

4. Soma amagambo akurikira.

ingoma ingata umuhungu umurenge ingiga

5. Soma interuro ikurikira.

Ingabire na Ngabo bararonga amatunda.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Basuye Sekuru



Ingabire na Ndori bagiye gusura sekuru.
Sekuru yabaguriye ingofero.
Yabahaye ingoma yo kuvuza.
Yabahaye inanga yo gucuranga.
Ingabire na Ndori bageze iwabo bavuza ingoma.

a. Ingabire na Ndori bagiye he?
b. Ingabire na Ndori bageze mu rugo bakoze iki?

7. Andika igihekane **ng** mu nyuguti nto.

ng ng ng ng ng ng ng

8. Andika igihekane **Ng** gitangiwe n'inyuguti nkuru.

Ng Ng Ng Ng Ng

9. Uzurisha kimwe mu bihekane bikurikira maze wandike ijambo.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | _ oga | nd | Ng | ng |
| b. | gucura _ a | ng | Ng | Nd |

10. Hitamo ijambo rikwiye wuzuze neza interuro, uyandike.

__________ zigendera mu kirere. (Indimu, indege)

# Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo ijwi **nd** cyangwa **ng**.

2. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| nd | ndi | ndu | ndo | nda | nde |

3. Soma amagambo akurikira.

Icunga | amandazi | ibitunguru | indimu | ingano

4. Soma interuro zikurikira.

Kangabe na Ndamage baracuranga inanga.
Ngango agendera mu ndege.

5. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Basuye ingagi



Kangabe na Ngoga basuye ingagi mu birunga.
Mu rugendo bariye amafunguro meza.

Bariye umugati ukoze mu ngano.
Bariye amafi yo muri Ruhondo ariho ibitunguru. Bariye kandi amatunda.
Bageze mu birunga bareka gusakuza.
Ingagi zanga induru.
Kangabe na Ngoga baranezerewe.

a. Kangabe na Ngoga bagiye he?
b. Bageze mu Birunga byagenze bite?

6. Andika ibihekane **nd** na **ng** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

nd ng nd ng nd ng nd

7. Andika ibihekane **Nd** na **Ng** bitangiwe n'inyuguti nkuru.

Nd Ng Nd Ng Nd

8. Curukura iyi migemo ukore ijambo, uryandike.

a. nga-i-ra-fa
b. ha-u-nda-mu
c. ma-i-ngo

9. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| ndi | ndu | ndo | nda | nde |
| ngi | ngu | ngo | nga | nge |

10. Soma kandi wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.


ingofero | umuhanda | ibanga | ibendera

# Igihekane ny Ny

1. Erekana amashusho arimo ijwi **ny**.







2. Erekana igihekane **ny**.

ny Ny

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| ny | nyi | nyu | nyo | nya | nye |

4. Soma amagambo akurikira.

inyenyeri | Nyamurinda | inyana | umunyu | inyinya

5. Soma interuro ikurikira.

Nyangoma afungura inyama zirimo inyanya.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Nyirakuru wa Kanyana



Nyirakuru wa Kanyana na Nyenyeri atuye i Nyamata.
Iyo Kanyana na Nyenyeri bamusuye abatekera inyama.
Ziba zirimo ibirungo birimo inyanya.
Nyirakuru wa Kanyana na Nyenyeri akunda no kubatekera ibinyamafufu.
Iyo bamaze gufungura abaha ibinyomoro.

a. Nyirakuru wa Kanyana atuye he?
b. Nyirakuru akunda guteka iki?

7. Andika igihekane **ny** mu nyuguti nto.

ny ny ny ny ny ny

8. Andika igihekane **Ny** gitangiwe n'inyuguti nkuru.

Ny Ny Ny Ny Ny

9. Uzurisha kimwe mu bihekane bikurikira, wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | _ angezi | ng | Ny | nd |
| b. | i _ anya | ng | Nd | ny |

# Igihekane sh Sh

1. Erekana amashusho arimo ijwi **sh**.







2. Erekana igihekane **sh**.

sh Sh

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| sh | shi | shu | sho | sha | she |

4. Soma amagambo akurikira.

ishuri ishashi igisheke ishoka ishati

5. Soma interuro ikurikira.

Sharangabo akunda amashu mabisi.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Shami, Sheja na Gashema



Shami, Sheja na Gashema barategura amafunguro meza.
Shami na Gashema barabaga igishuhe.
Sheja mushiki wabo arabafasha kuronga inyama.
Gashema we yagiye gushesha amasaka.
Naza arakata inyanya.
Shami, Sheja na Gashema bafatanye guteka.

a. Ni bande bategura amafunguro meza?
b. Gashema yagiye he?

7. Andika igihekane **sh** mu nyuguti nto.

sh sh sh sh sh sh sh

8. Andika igihekane **Sh** gitangiwe n'inyuguti nkuru.

Sh Sh Sh Sh Sh

9. Uzurisha kimwe mu bihekane bikurikira wandike ijambo.



| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | i _ ati | ny | sh | nd |
| b. | ama _ ami | nd | sh | ng |


10. Hitamo ijambo rikwiye wuzuze neza interuro uyandike.

Gashema yadodesheje ________. (Ishati, amashami)

# Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo ijwi **ny** na **sh**.

2. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| nyi | nyu | nyo | nya | nye |
| shi | shu | sho | sha | she |

3. Soma amagambo akurikira.

ikinyomoro | ishoka | inyoni | ishuri | igisheke

4. Soma interuro ikurikira.

Abanyeshuri barashushanya ibinyomoro.

5. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Shami na Nyirasenge



Shami yagiye gusura nyirasenge ku Nyundo.
Nyirasenge arahinga akanorora.

Mu gitondo Shami yamufashije gusarura inyanya zihishije.
Nimugoroba basarura amashaza.
Ejo azagemura inyanya ku ishuri i Musha.
Ejobundi azagemura amashaza ku ishuri i Nyamata.

a. Nyirasenge wa Shami atuye he?
b. Umusaruro wa nyirasenge wa Shami awumaza iki?

7. Andika igihekane **ny/sh** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

sh ny sh ny sh ny sh ny

8. Andika igihekane **Ny/Sh** bitangiwe n'inyuguti nkuru.

Sh Ny Sh Ny Sh

9. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| nyi | nyu | nyo | nya | nye |
| shi | shu | sho | sha | she |

10. Soma kandi wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.

Umunyinya | Igishuhe | ishinya | inyoni

11. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike.

| | |
|---|---|
| a. ama | guti |
| b. inyu | bindi |
| c. iki | shaza |

# Isuzuma risoza umutwe wa munani

1. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| ndi | ngu | ngo | sha | nye |
| nyi | shu | ndo | nda | nge |
| ngi | ndu | nyo | nga | she |

2. Soma amagambo akurikira uyandike mu ikayi yawe.

ikibindi amafaranga itangazo

indabo inyenyeri inyana ishinya

3. Soma interuro ikurikira.

Ngabo na Sheja bakunda ibinyomoro.

4. Curukura aya magambo ukore interuro, uyandike mu ikayi yawe.

a. neza - Kabanda - yandika

b. ingoma - kuvuza - Nkunda

c. Ngango - indobo - yikoreye

5. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Dukunde umurimo



Uwingabire yavuye ku isoko yikoreye amatunda.
Ageze mu rugo Gashema aramutura.
Uwingabire ahita ategura ifunguro.
Ifunguro ririmo ibinyamafufu barisha indugu.
Gashema na we aronga amatunda.
Amatunda bafata nyuma yo gufungura.


a. Uwingabire ageze mu rugo Gashema yamukoreye iki?
b. Uwingabire ageze mu rugo yakoze iki?

6. Curukura aya magambo ukore neza interuro uyandike.

a. indege - akunda - Karinda - kureba
b. neza - yandika - Ngamije
c. ingoma - Ngunda - aravuza

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Kanyana kwa Gashema



Kanyana yagiye i Nyamata gusura Gashema.
Agezeyo asanga Gashema asoroma umushogoro.
Kanyana amufasha guteka umushogoro urimo umunyu.
Bahishije umushogoro bateka amashu arimo amashaza.
Banateka inyama zirimo inyanya.
Barangije bafata ifunguro bashishikaye.


a. Ni iki Kanyana yafashije Gashema gukora?
b. Vuga amafunguro yose Kanyana na Gashema bateguye?

8. Curukura aya magambo ukore neza interuro, uzandike.

a. shashi - iyo - Jugunya
b. gufasha - akunda - Gashema - abandi
c. umunyenga - bakunda - Abana

# Umutwe wa kenda Kuzigama

1. Erekana amashusho arimo ijwi **kw**.





2. Erekana igihekane **kw**.

kw Kw

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| kw | kwi | | | kwa | kwe |

4. Soma amagambo akurikira.


urukwi kwizera igikwasi urukweto ukwezi

5. Soma interuro ikurikira.

Gakwaya arizigamira buri kwezi.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Kwizera na Kwitonda



Kwizera na Kwitonda bagiye gusura Gakwandi i Mushubi.
Yabahaye udukwavu tubiri.
Kwizera na Kwitonda bashimiye Gakwandi.
Kwizera na Kwitonda bubakiye udukwavu ikibuti.
Ubu bafite udukwavu icumi.
Kwizera na Kwitonda bagurishije udukwavu.
Mu kwezi gukurikira batangiye kwizigamira.

a. Kwizera na Kwitonda basuye nde?
b. Bamaze kugurisha udukwavu bakoze iki?

7. Andika igihekane **kw** mu nyuguti nto.

kw kw kw kw kw kw

8. Andika igihekane **Kw** gitangiwe n'inyuguti nkuru.

Kw Kw Kw Kw Kw


9. Uzurisha kimwe mu bihekane bikurikira wandike ijambo.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | uru _ avu | sh | kw | ny |
| b. | ___ izera | ny | Kw | sh |

10. Curukura amagambo ukore interuro uzandike mu ikayi yawe.
a. ukwezi - arareba - Gakwaya - kure
b. kwa - Ukwakira - cumi - Ukwezi - ni

# Igihekane mb Mb

1. Erekana amashusho arimo ijwi **mb**.





2. Erekana igihekane **mb**.

mb Mb

3. Soma imigemo ikurikira.

| | i | u | o | a | e |
|---|---|---|---|---|---|
| mb | mbi | mbu | mbo | mba | mbe |

4. Soma amagambo akurikira.

imboga imbuto indirimbo imbabura imbeba

5. Soma interuro ikurikira.

Imbabura ya Mbabazi irondereza amakara.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Bazi kwizigamira



Mbaraga na Mbabazi bahinga imbuto i Mbazi.
Umurima bawuteyemo imbuto bawuzitiza imbaho.
Imboga zo bazihinga mu gishanga iwabo.
Hambere basaruye imbuto bazigurisha i Mbare.
Amafaranga bakuyemo barayazigama.
Mbaraga na Mbabazi biguriye imipira yo kwambara.

a. Mbaraga na Mbabazi bakora iki?
b. Amafaranga Mbabazi na Mbaraga bakuye mu mbuto bayakoresheje iki?

7. Andika igihekane **mb** mu nyuguti nto.

mb mb mb mb mb mb

8. Andika igihekane **Mb** gitangiwe n'inyuguti nkuru.

Mb Mb Mb Mb Mb

9. Uzurisha kimwe mu bihekane bikurikira wandike ijambo.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | ikiju _ a | kw | mb | sh |
| b. | _ araga | Mb | ny | kw |

10. Curukura amagambo ukore interuro uzandike mu ikayi yawe.

kwidumbaguza - akunda - Mbaraga


# Imyitozo

1. Erekana amashusho arimo ijwi **kw** na **mb**.



2. Huza igihekane **mb** n'ishusho irimo ijwi **mb**.

mb



3. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| mbi | mbu | mbo | mba | mbe |
| kwi | | | kwa | kwe |

4. Soma amagambo akurikira.

urukweto | urukwi | imboga | ukwezi | imbabura

5. Soma interuro ikurikira.

Uwibambe yahaye Mukwiye imbuto.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Biteje imbere



Gakwisi na Kambibi babumba imitako.
Iyo babumba bakoresha ibumba.
Mboneye yabigishije kwizigama.
Mu kwezi kwa mbere Gakwisi na Kambibi baguze imbaho.
Biguriye udukwavu dutanu.
Biguriye kandi imbata zo korora.

a. Ni bande babumba imitako?
b. Gakwisi na Kambibi baguze imbaho mu kwezi kwa kangahe?

7. Curukura amagambo akurikira ukore interuro, uzandike.

a. imbaho-agurisha-Kambari
b. Kwizera-imboga-afumbira

8. Andika ibihekane **kw** na **mb** mu nyuguti nto.

kw kw kw mb mb mb

9. Andika ibihekane **Kw** na **Mb** bitangiwe n'inyuguti nkuru.

Kw Kw Kw Mb Mb Mb

# Isuzuma risoza umutwe wa kenda

1. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| kwi | mbu | kwe | kwa | mbo |
| mbe | kwa | mbi | mba | kwi |

2. Soma amagambo akurikira.

kwambara igikwasi imbeho imbabura urukweto

3. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Kwiteza imbere



Kwizera na Mbabazi bahinga imboga mu Ukwakira.
Imboga bakazigurisha abafite ubukwe.
Baguze imigozi yera ibijumba barayihinga.
Baguze udukwavu barorora.

Bagura imbata barorora.
Ayo matungo abaha ifumbire bafumbiza imboga.

a. Ni bande Kwizera na Mbabazi bagurisha imboga?
b. Kwizera na Mbabazi baguze iki?

4. Soma interuro ikurikira uyandike.

Kwizera na Mbaraga bahinga imbuto.

5. Uzuza izi nteruro ukoresheje rimwe mu magambo akurikira.

igikwasi, Kwizigama, Kwangiza, akamaro


a. Mumuburi yaguze ___________.
b. _______________ibidukikije ni bibi.
c. _______________ ni ingenzi.

6. Curukura amagambo akurikira ukore interuro, uzandike.

a. urukwavu-Kambanda-yoroye
b. atembera-Gakwisi-nimugoroba
c. rukweto-mu-amazi-mbonye

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Abana iwacu



Iwacu abana bafite ubuzima buzira umuze.
Iwacu abana bakunda ibinyabijumba.
Iwacu abana barafashanya.
Iwacu abana barakina bakidagadura bakishima.
Iwacu abana barakaraba bakisiga amavuta meza.
Iwacu abana bambara neza bakicara bakaruhuka.

a. Iwacu abana bafite ubuzima bumeze bute?
b. Ni iki kigaragaza ko iwacu abana bagira isuku?

2. Hitamo ijambo rikwiye wuzuze interuro, uyandike.

ubuzima amata Ibinyabijumba amavuta

a. Mutoni yanyoye____________________.

b. ____________________ bitera imbaraga.

c. Yonasi afite ____________________ bwiza.

d. Shema yaguze ______________ mu iduka.

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Tubungabunge ibidukikije



Bana mureke dutere ibiti.
Ibiti bidufitiye akamaro kanini.
Bitanga imbuto dukenera mu buzima.
Akandi kamaro ni uko bivamo amakara ducana tugateka.
Bivamo kandi imbaho ababiji bakenera.
Inyoni ziririmba mu gitondo zibitahamo.
Rero bana tureke kwangiza ibiti.
Dufatanye tubungabunge ibidukikije.

a. Ibiti bifite akahe kamaro?
b. Ni iki wakora kugira ngo utonona ibiti?

2. Huza amagambo ukore interuro uyandike mu ikayi yawe.

| | |
|---|---|
| a. Abana babungabunga | imbaho |
| b. Ibiti bigira | ku biti |
| c. Imbuto zera | amashami meza |
| d. Ababaji bakenera | ibidukikije |

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Tunga na Buregeya



Tunga na Buregeya bagiye kwiga mu gitondo.
Bavuyeyo banyura mu isomero riri ku Kicukiro.
Batiye ibitabo barasoma.
Barangije berekeje mu rugo gukora imirimo.
Buregeya yafatishije imbabura.
Tunga yogeje amasahani.
Basubiye mu masomo bize.
Barangije bararuhuka.

a. Buregeya na Tunga bakoze iki mu isomero?
b. Ni iki Tunga na Buregeya bakora nyuma yo gukaraba?

2. Curukura amagambo ukore interuro uzandike mu ikayi yawe.

a. rifite - isomero - Ishuri.


b. barasoma - Tunga - na - Buregeya - ibitabo.

c. baca - Abana - nimugoroba - imigani.

d. maremare - i Kigali - Amazu - aba.

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Amatungo yo mu rugo iwacu



Iwacu mu rugo hari amatungo anyuranye.
Dufite ikiraro kinini kirimo ihene.
Dufite ikibuti kirimo udukoko.
Ingurube zororoka vuba bitangaje.
Data na mama boroje umuturanyi wacu Mbaraga.
Boroje kandi Gakwandi udukwavu.
Mu rugo bagurisha amatungo bakaturihira amashuri.


a. Iwacu mu rugo hari ayahe matungo?
b. Amatungo afite akahe kamaro?

2. Uzuza interuro ukoresheje amagambo ari mu mwandiko uzandike.

a. Data na mama ________ umuturanyi wacu Mbaraga.
b. Dufite ______________ kirimo udukoko.
c. Ingurube ___________ ____ bitangaje.
d. Bagurisha amatungo bakaturihira ______________.

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Agakwavu kabuze urukweto



Agakwavu katemberaga mu gishanga karanyerera.
Nuko urukweto ruvamo ruraguruka.
Ako gakwavu gatangira gutabaza.
Akanyugunyugu karahanyura kirengagiza agakwavu.
Umusambi uragatabara ugafasha gushakira urukweto mu rubingo.
Nyuma agakwavu karubona mu muvumu uri mu gisambu.
Umusambi wararumanuye agakwavu karishima.

a. Agakwavu kamaze kubura urukweto kabigenje gate?
b. Ari umusambi, ari akanyugunyugu washima nde? Wagaya nde? Kubera iki?

2. Hitamo ijambo rikwiye wuzuze interuro, uyandike.

| | | | |
|---|---|---|---|
| gutabaza | yanyereye | kwirengagiza | ibihembo |

a. Ni bibi ________ abari mu kaga.


b. Umwarimu yahaye ____________ abanyeshuri bitonda.

c. Abajura bamuteye atangira ___________.

d. Karimba _______ kuri sima yitura hasi.

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Suzana yasuye Ndekezi na Ngamije



Mu kiruhuko Suzana yasuye Ndekezi.
Ndekezi abana na sekuru Ngamije.
Suzana yabazaniye agaseke kuzuye amapera.
Agezeyo Ngamije na Ndekezi baramusanganira bararamukanya.
Nimugoroba baratarama.
Basomera Ngamije udukuru dushimishije.
Ngamije arishima.
Mu gitondo Suzana arabasezera.
Bamuha agakwavu arabashimira.

a. Ndekezi abana na nde?
b. Ni iki Ngamije na Ndekezi bahaye Suzana?

2. Huza amagambo ukore interuro uyandike mu ikayi yawe.

| | |
|---|---|
| a. Nyogokuru abika | umuturanyi |
| b. Jabo aherekeje | imboga mu murima |
| c. Sogokuru yaciye | uburo mu gaseke |
| d. Karara asoroma | umugani |

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Seminega yasuye ishuri



Seminega yasuye ishuri riri i Masaka.
Seminega **yahuguye** abanyeshuri ku isuku.
Seminega yanabigishije kubungabunga ibidukikije.
Yabakanguriye gutunganya **ubusitani** batoragura ibipapuro.
Yabibukije kwirinda kwangiza ibiti.
Abanyeshuri baramushimiye asubira mu rugo.

a. Ishuri Seminega yasuye riri he?
b. Kuki Seminega yasuye ishuri?

2. Curukura amagambo ukore interuro uzandike mu ikayi yawe.

a. Seminega - abanyeshuri - yahuguye.
b. ubusitani - batunganyije - Abana.
c. kacu - yasuye - Umuyobozi - akarere.
d. ibidukikije - Fatuma - abungabunga.

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Basuye nyirarume



Kwitonda na mushiki we barakurikirana.
Babana na se na nyina ku Kamonyi.
Iyo basuye nyirarume i Karongi batembera ku kiyaga.
Bakinira ku musenyi, akabagurira isambaza.
Basura sekuru na nyirakuru.
Nyirakuru abamanurira amapapayi.
Kwitonda na mushiki we bayasangira bishimye.

a. Kwitonda na mushiki we batuye he?
b. Iyo Kwitonda na Mushiki we basuye nyirarume bakora iki?

2. Uzuza interuro ukoresheje amagambo avuye mu mwandiko, uyandike.

a. Nyirarume yaguriye Kwitonda na mushiki we_________.
b. Kwitonda na mushiki we basangira_______.
c. Kwitonda na mushiki we bakinira________.
d. Nyirarume wa Kwitonda atuye__________.

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Giraneza afasha Kanyenyeri



Kanyenyeri afite akabazo ko kutabona.
Giraneza yita kuri Kanyenyeri mu rugo.
Amufasha igikapu kirimo amakayi.
Ku ishuri amuba hafi iyo bakina.
Iyo basubiye mu rugo amufasha gusubiramo umukoro.
Abarezi babonye aba bana barishima.
Bakangurira abana gufasha abandi bana bafite ubumuga.

a. Kanyenyeri afite ubuhe bumuga?
b. Kuki Giraneza afasha Kanyenyeri?

2. Hitamo ijambo rikwiye wuzuze interuro, uyandike mu ikayi yawe.

| | | | |
|---|---|---|---|
| ubumuga | bakangurira | umukoro | Giraneza |

a. Abarimu bahaye abanyeshuri __________.


b. Kanyenyeri akunda ______________.

c. Abana bafite _____________ bariga.

d. Abayobozi _____________abaturage kugira isuku.

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Tugire isuku



Kariza agira isuku.
Iyo avuye ku ishuri abika ibikoresho ahakwiye.
Nyuma yiyuhagira umubiri wose.
Yambara ibimeshe agakora umukoro.
Nimugoroba afata amafunguro yarangiza akoza amenyo.
Mu gitondo Kariza asasa igitanda ke.
Yisukura hose akambara ibimeshe.
Yerekeza ku ishuri asa neza.


a. Iyo kariza avuye ku ishuri akora iki?
b. Kariza akora iki amaze gufata amafunguro?

2. Curukura amagambo ukore interuro uyandike mu ikayi yawe.

a. Kariza - isuku - agira.
b. amenyo - boza - Abanyeshuri.
c. bibiri - bibaho - Ibirenge - amano.
d. bafata - amafunguro - Abana.

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Dukunda ishuri



Buri gitondo ndazinduka.
Ngera ku ishuri kare.
Dukora imirongo mu kibuga.
Turirimba indirimbo yubahiriza igihugu.
Abarimu badutoza gusoma no kwandika.
Dukina imikino itandukanye.
Buri wese yidagadura uko ashaka.
Tumaze gukina dusubira mu ishuri tukiga.
Nyuma tubika ibikoresho tugataha.

a. Abarimu badutoza iki?
b. Iyo tumaze gukina dukora iki?

2. Curukura amagambo ukore interuro uyandike mu ikayi yawe.

a. ibikoresho - abika - Kariza

b. bakina - Abana - imikino

c. amasomo - Abarimi - neza - bigisha

d. Rukundo - indirimbo - aririmba

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Rungano isaba imbabazi



Rungano ni agakende kakundaga kuzerera mu minyinya.
Rungano yabonye utundi dukende dukina dusimbuka.
Iradusanga birakina.
Rungano yibuka gutaha bumaze kwira.
Igiye kugera imuhira havumbuka isha.
Rungano ihunga ivuza induru yikubita hasi.
Nyina yaje kuyitabara yihuta.
Rungano ireka kongera gutinda mu mihana.

a. Rungano yakundaga kuzererera he?
b. Kubera iki Rungano yahunze ivuza induru?

2. Uzuza interuro ukoresha amagambo yo mu gakuru umaze gusoma uyandike mu ikayi yawe.

a. Rungano igiye kugera imuhira havumbuka ________________.

b. Rungano ihunga ivuza ____________ yikubita hasi.

c. Nyina yaje _____________ yihuta.

d. Rungano yibuka ____________ bumaze kwira.

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Mugeni yiguriye umupira



Mugeni yasuye Kamana.
Asanga afite umupira munini barakina.
Mugeni abaza Kamana uwamuguriye umupira.
Amusubiza ko yawiguriye.
Amuzanira agasanduku atereramo ibiceri yizigamira.
Mugeni ageze mu rugo asaba nyina agasanduku.
Atangira gutereramo buri giceri ahawe.
Mu mezi atandatu, yiguriye umupira mu mafaranga yizigamiye.

a. Ni nde waguriye Kamana umupira?
b. Ni gute Mugeni yabashije kwigurira umupira?

2. Hitamo ijambo rikwiye wuzuze interuro, uyandike mu ikayi yawe.

| | | | |
|---|---|---|---|
| yizigamiye | barakina | umupira | ibiceri |

a. Mugeni yabikaga ____________ mu gasanduku.

b. Mugeni ______________ amafaranga igihumbi.

c. Kamana akunda gukina ___________.

d. Abanyeshuri ______________ umupira.

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Ingaruka zo gusuzugura



Abarezi babuza abanyeshuri kwidumbaguza mu ruzi.
Munana yambuka uruzi agiye ku ishuri.
Munana yageze ku ruzi atangira kwidumbaguza.
Munana yibuka ko yakererewe ishuri.
Agezeyo asanga abanyeshuri bigana barangije gukora umukoro.
Umurezi amutuma umurera.
Ahageze Munana abasaba imbabazi.
Abizeza ko atazongera gusuzugura.

a. Ni nde utarakurikije inama z'abarezi?
b. Gusuzugura kwa Munana kwamugizeho izihe ngaruka?

2. Huza amagambo wuzuze interuro, uyandike mu ikayi yawe.

| | |
|---|---|
| a. Abana bidumbaguza | abarimu |
| b. Munana yasuzuguye | umukoro |
| c. Abanyeshuri bakoze | ku ruzi |
| d. Abana banyuze | mu mugezi |

1. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Iwacu turazigama



Mu rugo iwacu data na mama barahinga.
Mu kwezi kwa kabiri basaruye ibigori.
Mu kwezi kwa munani basarura amasaka.
Data na Mama bafashe umusaruro wose bakuraho ibidutunga.
Umusaruro usigaye barawuhunika.
Mu rugo iwacu hahora ibidutunga.
Data na mama bazigama imbuto bazatera bongeye guhinga.

a. Ni ibihe bihingwa mu rugo iwacu bahinga.
b. Ni gute Data na Mama bazigama?

2. Curukura amagambo ukore interuro, uyandike mu ikayi yawe.

a. Data - ibigori - ahinga.

b. ahunika - Mama - imbuto.

c. azigama - Karimba - amafaranga.

d. asarura - Data - amasaka.

